Article 12: Compétences notariales de l'Ambassadeur et du Premier Secrétaire d'Ambassade

Mu mirimo ye, Ambasaderi n'Umunyamabanga wa mbere muri Ambasade bafite ububasha bukurikira:

In exercising their duties, the Ambassador and the First Secretary of Embassy shall have the following competences:

Dans l'exercice de leurs fonctions, l'Ambassadeur et le Premier Secrétaire d'Ambassade ont les compétences suivantes:

1° kwemeza inyandiko;

1° authentication of deeds;

1° l'authentification des actes;

2° guhamya imikono;

2° authentication of signatures;

2° la légalisation des signatures;

3° kwemeza ko inyandiko ari mpamo;

3° certification of document authenticity;

3° la certification de l'authenticité d'un document;

4° kwemeza ko kopi y'inyandiko ihuye n'iy'umwimerere;

4° certification of the conformity of a copy to the original ;

4° la certification de la conformité d'une copie à l'original;

5° gutanga kopi z'inyandiko baba bakoze;

5° issuance of copies of the deeds they have drawn up;

5° la délivrance des copies des actes qu'ils dressent;

6° gutanga izindi nyandiko z'umunoteri ziteganywa n'amategeko.

6° issuance of other notarial deeds provided by Law.

6° la délivrance d'autres actes notariaux prévus par la loi.

Icyakora, mbere yo gukoreshwa mu Rwanda, inyandiko zashyizweho umukono n'Ambasaderi cyangwa Umunyamabanga wa mbere muri Ambasade zigomba kubanza kwemezwa na

However, before being used in Rwanda, deeds certified or authenticated by the Ambassador or the First Secretary of the Embassy shall be approved by the Ministry

Toutefois, les actes notariés ou certifiés par l'Ambassadeur ou le Premier Secrétaire d'Ambassade doivent, avant d'être utilisés au Rwanda, être soumis à

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu in charge of foreign affairs. nshingano zayo.

l'approbation préalable du Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions.

Ingingo ya 13: Ububasha bw'umunoteri ku nyandiko zijya mu mahanga

Article 13: Notary's competence with respect to the deeds to be sent abroad

Article 13: Compétences du notaire en matière d'actes à envoyer à l'étranger

Iyo hari inyandiko zijya mu mahanga zisaba umukono w'umunoteri zishyirwaho umukono n'umunoteri wo muri Minisiteri, uwo muri serivisi ya Leta ifite mu nshingano zayo guteza imbere ishoramari n'umubitsi w'impapurompamo hakurijwe ububasha bwabo bushingiye ku bikorwa.

In case there are deeds that are meant for being sent abroad and which need to be certified by a notary, such documents shall be notarized by a notary at the Ministry, Government Service in charge of investment promotion and Registrar of Land Titles in accordance with their respective competence *ratione materiae*.

Lorsqu'il y a des actes qui doivent être certifiés par le notaire et destinés à être envoyés à l'étranger, ils sont certifiés par le notaire près le Ministère, le Service de l'Etat ayant la promotion des investissements dans ses attributions et le Conservateur des Titres Fonciers conformément à leur compétence matérielle respective.

Icyiciro cya 2: Ububasha bw'umunoteri bushingiye ku ifasi

Section 2: Notary's territorial competence

Section 2: Compétence territoriale du notaire

Ingingo ya 14: Ububasha bushingiye ku ifasi

Article 14: Territorial competence

Article 14: Compétence territoriale

Ububasha bw'umunoteri bushingiye ku ifasi buteye ku buryo bukurikira:

Notary's territorial competence shall be as follows:

La compétence territoriale du notaire se présente comme suit:

1° Umunoteri wo muri Minisiteri afite ububasha ku ifasi yose ya Repubulika y'u Rwanda;

1° the notary at the Ministry shall have jurisdiction over the whole territory of the Republic of Rwanda;

1° le notaire près le Ministère est compétent sur toute l'étendue de la République du Rwanda;

2° Umunoteri muri Serivisi ya Leta ifite guteza imbere ishoramari afite ububasha ku ifasi yose ya Repubulika y'u Rwanda;

2° the notary at the Government Service in charge of investment promotion shall have jurisdiction

2° le notaire près le Service de l'Etat ayant la promotion des investissements dans ses

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

	over the whole territory of the Republic of Rwanda;	attributions est compétent sur toute l'étendue de la République du Rwanda;
3° Umunoteri wo ku Karere afite ububasha mu ifasi y'Akarere kose akoreramo;	3° the notary at the District level shall have jurisdiction over the whole territory of the District of his/her duty station;	3° le notaire près le District est compétent sur toute l'étendue du District d'affectation;
4° Umunoteri wo ku Murenge afite ububasha mu ifasi y'Umurenge wose akoreramo;	4° the notary at the Sector level shall have jurisdiction over the whole territory of the Sector of his/her duty station;	4° le notaire près le Secteur est compétent sur toute l'étendue de son Secteur d'affectation;
5° Ambasaderi n'Umunyamabanga wa mbere muri Ambassade bafite ububasha bungana n'imbago z'ibihugu bashinzwe;	5° the Ambassador and the First Secretary of the Embassy shall be competent in the whole territory of countries under their jurisdiction;	5° l'Ambassadeur et le Premier Secrétaire d'Ambassade sont compétents sur toute l'étendue des pays relevant de leur ressort;
6° Umunoteri mu bijyanye n'ubutaka afite ububasha mu ifasi y'urwego akoreramo;	6° the notary in land-related matters shall be competent over the whole territory of his/her duty station;	6° le notaire en matière foncière est compétent sur toute l'étendue du territoire relevant de son ressort;
7° Umunoteri wikorera agira ububasha mu gihugu hose.	7° the private notary shall have jurisdiction over the entire national territory.	7° le notaire privé est compétent sur toute l'étendue du territoire national.
Abanoteri bavugwa mu gace ka 2°, aka 3°, aka 4° n'aka 5° tw'iyi ngingo, bakira ababagana aho bava hose uretse ku bijyanye n'irage n'imitungo itimukanwa bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.	The notaries referred to under items 2°, 3°, 4° and 5° of this Article shall serve their clients regardless of where they come from except for matters relating to wills and immovable property which shall be handled	Les notaires visés aux points 2°, 3°, 4° et 5° du présent article offrent des services à leurs clients quelle que soit leur provenance sauf pour les questions relatives aux testaments et aux biens

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

in accordance with relevant laws.

immobiliers qui sont traitées conformément aux lois en la matière.

Ingingo ya 15: Kongererwa ububasha bushingiye ku ifasi ku munoteri wa Leta

Article 15: Extension of territorial competence for a notary public

Article 15: Extension de la compétence territoriale pour le notaire public

Mu gihe umunoteri wo ku Karere adahari cyangwa yagize impamvu imubuza kurangiza iyo mirimo mu gihe kirenze iminsi ibiri (2), imirimo yakoraga ikorwa n'umunoteri w'Umurenge ako Karere gafitemo icyicaro. Ibi kandi bireba n'umunoteri w'ubutaka ku rwego rw'Akarere.

When a notary at the District is absent or prevented from discharging his/her duties for a period exceeding two (2) days, such duties shall be discharged by the notary at the Sector where the headoffice of the District is located. The same shall also apply to the notary in land-related matters at the District level.

Lorsque le notaire près le District est absent ou empêché pendant plus de deux (2) jours, ses fonctions sont exercées par le notaire près le Secteur où se trouve le siège du District. Ceci s'applique également au notaire en matière foncière au niveau de District.

Iyo umunoteri wo ku rwego rw'Umurenge adahari cyangwa yagize impamvu imubuza kurangiza iyo mirimo mu gihe kirenze iminsi ibiri (2), imirimo yakoraga ikorwa n'umunoteri w'undi Murenge byegeranye. Ibi kandi bireba n'umunoteri w'ubutaka ku rwego rw'Umurenge.

When the notary at the Sector is absent or prevented from discharging his/her duties for a period exceeding two (2) days, such duties shall be discharged by the notary from at the nearest Sector. The same shall also apply to notary in land-related matters at the Sector level.

Lorsque le notaire près le Secteur est absent ou empêché pendant plus de deux (2) jours, ses fonctions sont exercées par le notaire près un autre Secteur le plus proche. Ceci s'applique également au notaire en matière foncière au niveau de Secteur.

Umuyobozi w'Akarere niwe wemeza ko umunoteri yongerewe ububasha bushingiye ku ifasi binyuze mu nyandiko kandi bikamenyeshwa Minisitiri.

The District Mayor shall approve in writing the extension of a notary's territorial competence and inform the Minister thereof.

Le Maire du District approuve par écrit l'extension de la compétence territoriale du notaire et en informe le Ministre.

Umunoteri uvugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, yakira abamugana bose. Icyakora ibirebana n'inyandiko zerekeranye n'irage n'iz'imitungo itimukanwa bikorwa hakurikijwe

The notary referred to in Paragraphs One and 2 of this Article shall serve all clients seeking his/her services. However, documents relating to wills and immovable

Le notaire visé aux alinéas premier et 2 du présent article offre les services à tous les clients recourant à ses services. Toutefois, les documents relatifs aux testaments et

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

amategeko abigenga.

property shall be handled in accordance with relevant laws.

aux biens immobiliers sont traités conformément aux lois en la matière.

UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'AKAZI K'UBUNOTERI

CHAPTER IV: PRACTICE OF THE OFFICE OF NOTARY

CHAPITRE IV: EXERCICE DE LA FONCTION DE NOTAIRE

Icyiciro cya mbere: Amahame agenga umunoteri mu kazi ke

Section One: Principles governing a notary in the exercise of his/her duties

Section première: Principes régissant le notaire dans l'exercice de ses fonctions

Ingingo ya 16: Iyubahirizwa ry'amategeko

Article 16: Compliance with laws

Article 16: Respect des lois

Umunoteri akora mu izina rya Leta kandi arangiza imirimo ye yubahiriza amategeko.

The notary shall act in the name of Government and in compliance with laws.

Le notaire agit au nom de l'Etat et exerce ses fonctions en respectant les lois.

Ingingo ya 17: Ubwigenge bw'umunoteri

Article 17: Independence of notary

Article 17: Indépendance du notaire

Mu kuzuza inshingano ze, umunoteri arigenga mu mirimo ye y'ubunoteri.

In the performance of his/her notarial duties, the notary shall act in complete independence.

Le notaire exerce ses fonctions de notaire en toute indépendance.

Ingingo ya 18: Uburyozwe bw'umunoteri ku giti cye

Article 18: Personal liability of a notary

Article 18: Responsabilité personnelle du notaire

Mu nshingano ze, umunoteri wa Leta yunganirwa imbere y'amategeko kandi yishingirwa uburyozwe na Leta hakurikijwe amategeko.

While performing his/her duties, a notary Public shall obtain legal assistance from Government, which shall assume his/her liability in accordance with the law.

Dans l'exercice de ses fonctions, le notaire public est assisté en justice par l'Etat et ce dernier assume sa responsabilité conformément à la loi.

Icyakora, Leta ntiyishingira uburyozwe bukomoka ku makosa agaragaramo ubushake, uburangare cyangwa ibyaha byahamye

However, the Government shall not assume liability arising from the notary's misconduct committed deliberately or

Toutefois, l'Etat n'assume pas la responsabilité liée aux fautes commises délibérément, par négligence ou celles

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

umunoteri.	through negligence or for offenses of which a notary is convicted.	provenant des infractions dont le notaire est reconnu coupable.
Umunoteri wikorera ariyozwa ku giti cye amakosa yakoze mu kazi ke.	A private notary shall be personally liable for any misconduct committed during the performance of his/her duties.	Le notaire privé répond personnellement des fautes commises dans l'exercice de ses fonctions.
<u>Ingingo ya 19:</u> Kongerera ubushobozi umunoteri	<u>Article 19:</u> Capacity building for a notary	<u>Article 19:</u> Renforcement des capacités du notaire
Mbere yo gutangira imirimo y'ubunoteri, buri munoteri agenerwa amahugurwa ajyanye n'umurimo we.	Before taking up office, every notary shall receive training in relation with his/her duties.	Avant d'entrer en fonction, chaque notaire bénéficie d'une formation en rapport avec ses fonctions.
Ayo mahugurwa atangwa n'urwego akorera.	Such training shall be given by the organ in which he/she works.	Cette formation est assurée par l'organe au sein duquel il travaille.
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imyitwarire, ibihano n'ihagarika ry'umurimo w'ubunoteri	<u>Section 2:</u> Conduct, sanctions and cessation of the office of notary	<u>Section 2:</u> Conduite, sanctions et cessation des fonctions de notaire
<u>Ingingo ya 20:</u> Imyitwarire myiza	<u>Article 20:</u> Good conduct	<u>Article 20:</u> Bonne conduite
Mu kurangiza imirimo ye, umunoteri agomba by'umwihariko:	In exercising his/her duties, a notary must particularly:	Dans l'exercice de ses fonctions, le notaire doit particulièrement:
1° kuba umunyakuri n'inyangamugayo;	1° be characterized by honesty and integrity;	1° être caractérisé par l'honnêteté et l'intégrité;
2° gukorana ubushake no gutanga serivisi nziza;	2° be characterized by good willing in all his/her activities and good customer care;	2° être animé d'une bonne volonté et offrir un service de qualité;

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

3° kwitwara neza imbere y'abo aha serivisi no kwirinda ikintu cyose cyateza amahane.

3° demonstrate good conduct before his/her clients and avoid anything that may give rise to an argument.

3° observer une bonne conduite devant ses clients et éviter tout ce qui peut donner lieu à une dispute.

Ingingo ya 21: Kugira ibanga ry'akazi

Article 21: Observance of professional secrecy

Article 21: Respect du secret professionnel

Umunoteri agomba kugira ibanga mu mirimo ye, uretse gusa mu gihe amategeko abiteganyanya ukundi.

Unless otherwise provided by law, a notary shall be bound by professional secrecy in the exercise of his/her duties.

Sauf disposition contraire de la loi, dans l'exercice de ses fonctions, le notaire est tenu au secret professionnel.

Ingingo ya 22: Igenzurwa ry'abanoteri

Article 22: Supervision of notaries

Article 22: Contrôle des notaires

Mu kurangiza inshingano ze, umunoteri wa Leta agenzurwa n'umukuriye mu kazi.

In fulfilling his/her duties, a notary public shall be supervised by his/her immediate superior.

Dans l'exercice de ses fonctions, le notaire public est sous la supervision de son supérieur hiérarchique.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo umunoteri wikorera agenzurwa.

An Order of the Minister shall determine modalities for the supervision of a private notary.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de supervision d'un notaire privé.

Ingingo ya 23: Ibihano byo mu rwego rw'akazi

Article 23: Administrative sanctions

Article 23: Sanctions administratives

Bitabangamiye uburyozwe mbonezamubano cyangwa nshinjabyaha bw'ibyo yangije cyangwa yananiwe gukora, umunoteri wa Leta ahanwa hakurijwe itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Without prejudice to civil or criminal liability resulting from damage or failure to perform his/her duties, a notary public shall be subject to sanctions in accordance with the General Statutes for Rwanda Public Service.

Sans préjudice de la responsabilité civile ou pénale résultant du dommage ou du manquement à ses fonctions, le notaire public fait l'objet de sanctions conformément au Statut Général de la Fonction Publique du Rwanda.

Bitabangamiye uburyozwe mbonezamubano

Without prejudice to civil or criminal

Sans préjudice de la responsabilité civile

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

cyangwa nshinjabyaha bw'ibyo yangije cyangwa yananiwe gukora, Minisitiri afatira umunoteri wikorera ibihano bikurikira:

1° kwihanangirizwa mu nyandiko;

2° kugawa;

3° guhagarikwa by'agateganyo ku mirimo y'ubunoteri kuva ku kwezi kumwe kugeza ku mezi atandatu (6);

4° guhagarikwa burundu ku mirimo y'ubunoteri.

liability resulting from damage or failure to perform his/her duties, the private notary shall be subjected by the Minister to the following sanctions:

1° warning in writing;

2° reprimand;

3° temporary suspension from notarial duties from one month to six (6) months;

4° definitive removal from notarial duties.

ou pénale résultant du dommage ou du manquement à ses fonctions, le notaire privé se voit infliger par le Ministre les sanctions suivantes :

1° avertissement par écrit;

2° blâme;

3° suspension temporaire de ses fonctions de notaire allant d'un mois à six (6) mois ;

4° révocation de ses fonctions de notaire.

Ingingo ya 24: Impamvu zituma umunoteri wikorera yamburwa ububasha

Umunoteri wikorera yamburwa ububasha bw'ubunoteri kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

1° gutanga, gusaba cyangwa kwemera ruswa;

2° kurigisa umutungo;

3° ubwambuzi bushukana;

4° gukatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);

Article 24: Reasons for removal from office of private notary

A private notary shall be removed from office for any of the following reasons:

1° to give, demand or accept a bribe;

2° to misappropriate a property;

3° to commit fraud;

4° to be definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;

Article 24: Causes de révocation du notaire privé

Le notaire privé peut être révoqué pour l'un des motifs suivants:

1° accorder, solliciter ou accepter un pot-de-vin ;

2° détournement des biens;

3° escroquerie;

4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

- | | | |
|---|---|---|
| 5° kubona akazi k'ubunoteri akoresheje uburiganya; | 5° fraudulent access to the office of notary; | 5° accès frauduleux à la fonction de notaire; |
| 6° kurangwa n'ivangura mu kazi ke; | 6° to be characterized by discrimination in the exercise of his/her duties; | 6° faire montre de discrimination dans l'exercice de ses fonctions; |
| 7° kugaragaza ubushobozi buke mu kazi; | 7° professional incompetence; | 7° insuffisance professionnelle; |
| 8° guhamwa n'icyaha cya jenocide cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenocide. | 8° to be found guilty of the crime of genocide or genocide ideology. | 8° condamnation pour crime de génocide ou d'idéologie du génocide. |

Ingingo ya 25: Ihagarika ry'umurimo w'ubunoteri

Article 25: Termination of office of notary

Article 25: Cessation de la fonction de notaire

Umunoteri ahagarika imirimo ye iyo:

The office of notary shall be terminated if the notary:

La fonction de notaire cesse lorsque le notaire:

- | | | |
|---|---|--|
| 1° yeguye; | 1° resigns; | 1° démissionne; |
| 2° atakiri ku mwanya watumaga aba umunoteri; | 2° no longer holds the office allowing him/her to be a notary; | 2° n'occupe plus le poste qui lui conférait la qualité de notaire; |
| 3° atagishoboye kurangiza inshingano ze kubera impamvu z'uburwayi byemejwe n'akanama k'abaganga bemewe; | 3° no longer fulfils his/he duties due to illness ascertained by a Committee of recognized medical doctors; | 3° ne peut plus remplir ses attributions en raison d'une maladie approuvée par un comité de médecins agréés; |
| 4° atacyujuje ibyashingiweho kugira ngo abe umunoteri; | 4° no longer fulfils the requirements on the basis of which he/she had become a notary; | 4° ne remplit plus les conditions sur base desquelles il était devenu notaire; |

5° apfuye.

5° dies.

5° décède.

UMUTWE WA V: INYANDIKO ZIRIHO UMUKONO W' UMUNOTERI

CHAPTER V: NOTARIZED DOCUMENTS

CHAPITRE V: DOCUMENTS NOTARIES

Icyiciro cya mbere: Iyemeza ry'ukuri mpamo kw' inyandiko n'agaciro kazo

Section One: Authentication of documents and their probative value

Section première: Authentification des documents et leur force probante

Ingingo ya 26: Iyemeza ry'ukuri mpamo kw'amasezerano

Article 26: Authentication of contracts

Article 26: Authentification des contrats

Umunoteri yemeza ukurimpamo kw'amasezerano itegeko risaba ko agomba kuba mpamo mu gihe yakorwaga. Iyo impande zagiranye amasezerano zibisabye, amasezerano ashobora kwemezwa ko ari mpamo n'umunoteri kabone n'iyi itegeko ritabiteganywa.

A notary shall authenticate contracts that the law requires to have the authentic status at the time of their signature. Upon request by contracting parties, contracts can be authenticated by a notary although such an authentication is not provided for by Law.

Le notaire authentifie les contrats pour lesquels la loi exige la forme authentique lors de leur conclusion. A la demande des parties contractantes, les contrats peuvent être authentifiés par le notaire même si l'authentification n'est pas prévue par la loi.

Ingingo ya 27: Ukuri mpamo kw'inyandiko ihamijwe n'umunoteri

Article 27: Authenticity of a notarized deed

Article 27: Authenticité d'un acte notarié

Inyandiko ihamijwe n'umunoteri hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ni inyandiko mpamo.

A deed authenticated by a notary according to the provisions of this Law shall be authentic.

Un acte authentifié par le notaire conformément aux dispositions de la présente loi revêt un caractère authentique.

Iyo mu nyandiko ihamijwe havugwamo indi nyandiko yakozwe mbere yayo, inyandiko ya nyuma igomba kugaragaza ukwiyemerera k'uwayikoze cyangwa abayikoranye ko izo nyandiko zombi zigize inyandiko imwe

Where in an authenticated deed, reference is made to a deed previously made; the most recent deed shall contain statement from a party or parties having drawn it up confirming that the two deeds form a whole

Lorsque dans un acte authentifié, il est fait référence à un acte passé antérieurement, l'acte le plus récent doit contenir la déclaration d'une partie ou des parties qui l'ont établi confirmant que les deux actes

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

cyangwa ko iya nyuma ikuyeho iyayibanjirije.

or the second deed replaces the previous one.

forment un tout ou que le deuxième acte remplace le précédent acte.

Ingingo ya 28: Itangwa ry'inyandiko ziriho umukono w'umunoteri

Article 28: Issuance of notarized documents

Article 28: Délivrance des documents notariés

Inyandiko zikeneye umukono w'umunoteri zishobora gutangwa n'umunoteri uwo ari we wese hakurikijwe ububasha ahabwa n'iri tegeko, keretse iyo amategeko abiteganyanya ukundi.

Documents that require the signature of a notary may be issued by any notary in accordance with the competence conferred upon him/her by this Law unless, otherwise provided for by law.

Les documents qui nécessitent une signature du notaire peuvent être délivrés par n'importe quel notaire selon sa compétence lui conférée par la présente loi, à moins que la loi n'en dispose autrement.

Inyandiko ziriho umukono w'umunoteri zikorera kuri imirimo y'ubunoteri akorera imirimo ye hakurikira:

Notarized documents shall be drawn up and issued only at the following place of executing the duties of a notary:

Les documents notariés ne sont établis et délivrés qu'aux lieux d'exercice des fonctions du notaire suivants :

1° Umukozi ushinzwe imirimo y'ubunoteri muri Minisiteri, ku cyicaro cya Minisiteri;

1° at the head office of the Ministry in the case of an Officer in charge of notarial duties at the Ministry;

1° au siège du Ministère lorsqu'il s'agit d'un agent chargé des fonctions de notaire au Ministère;

2° Umukozi ushinzwe imirimo y'ubunoteri muri serivisi ya Leta ifite guteza imbere ishoramari mu nshingano zayo, ku cyicaro cy'iyo serivisi;

2° at the head office of the Government Service in charge of investment promotion in the case of a notary at this Service;

2° au siège du Service de l'Etat chargé de la promotion des investissements lorsqu'il s'agit d'un agent chargé des fonctions de notaire près ce Service;

3° Umukozi ushinzwe imirimo y'ubunoteri ku rwego rw'Akarere, ku biro by'Akarere;

3° at the District office in the case of an officer in charge of notarial duties at the District level;

3° au chef-lieu de District lorsqu'il s'agit d'un agent chargé des fonctions de notaire au niveau de District ;

4° Umukozi ushinzwe imirimo y'ubunoteri ku rwego rw'Umurenge, ku biro

4° at the Sector office in the case of an officer in charge of notarial duties at

4° au chef-lieu de Secteur lorsqu'il s'agit d'un agent chargé des

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

by'Umurenge;	the Sector level;	fonctions de notaire au niveau de Secteur;
5° Umukozi ushinzwe imirimo y'ubunoteri mu by'ubutaka, ku biro by'urwego ariho;	5° at the office of the institution under his/her jurisdiction in the case of an officer in charge notarial duties in land-related matters;	5° au bureau de l'entité de son ressort, lorsqu'il s'agit d'un agent chargé des fonctions de notaire en matière foncière;
6° Ambasaderi n'Umunyamabanga wa mbere muri Ambassade, ku biro bya Ambassade cyangwa ahandi bagena mu ifasi bakoreramo;	6° at the office of the Embassy or in another location they may determine falling within their jurisdiction in the case of an Ambassador and a First Secretary of Embassy;	6° au bureau de l'Ambassade ou dans un autre lieu relevant de leur ressort qu'ils peuvent déterminer, lorsqu'il s'agit d'un Ambassadeur et d'un Premier Secrétaire d'Ambassade;
7° Umunoteri wikorera, aho yagaragaje ko akoreramo mu gihe yasabaga ububasha bw'ubunoteri.	7° in the place of executing his/her duties indicated in his/her application for appointment as notary in the case of a private notary.	7° dans un lieu d'exercice de ses fonctions qu'il a indiqué dans sa demande de nomination en qualité de notaire lorsqu'il s'agit du notaire privé.
Icyakora, umunoteri ashobora gushyira umukono we ku nyandiko hanze y'ibiro by'ubunoteri iyo:	However, a notary can certify a document in a place other than his/her office when:	Toutefois, un notaire peut certifier un document dans un lieu autre que son bureau dans les cas suivants:
1° hari impamvu zikomeye z'uburwayi cyangwa ubumuga bituma umuntu bireba atagera ku biro bye;	1° there are serious reasons related to sickness or disability preventing the interested person from reaching his/her office;	1° en cas de raisons sérieuses liées à une maladie ou une invalidité empêchant une personne intéressée de se présenter à son bureau;
2° hari abantu barenga icumi (10) bafite uruhare mu itangwa ry'iyi nyandiko;	2° more than ten (10) persons are taking part in the issuance of such a	2° lorsque plus de dix (10) personnes prennent part à l'établissement de

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

deed;

cet acte ;

3° hari inyandiko isaba imihango yihariye.

3° the deed requires special solemnities.

3° lorsque l'acte exige des solennités particulières.

Ingingo ya 29: Agaciro k'inyandiko ziriho umukono w'umunoteri

Article 29: Probative value of notarized documents

Article 29: Force probante des documents notariés

Inyandiko zishyizweho umukono w'umunoteri uwo ari we wese uvugwa muri iri tegeko, zigira agaciro kamwe mu gihugu hose, mu gihe nta yindi nyandiko cyangwa icyemezo cy'urukiko bizikuraho.

Documents bearing the signature of any notary provided for in this Law shall have the same value on the whole national territory if there is no any other document or court decision nullifying them.

Les documents sur lesquels est apposée la signature d'un quelconque notaire prévu dans la présente loi ont la même valeur sur toute l'étendue du pays dans la mesure où il n'existe aucun autre document ou une décision judiciaire qui les annule.

Mu gihe inyandiko yose yashyizweho umukono n'umunoteri yemeza umwenda uzwi kandi ugeze igihe cyo kwishyurwa, ishobora gushyirwaho inyandiko mpuruza n'umwanditsi w'urukiko. Iyo nyandiko iteyeho kashe mpuruza ntishobora gutangwa inshuro irenze imwe, ariko mu gihe itakaye cyangwa yangiritse, indi kopi ishobora gutangwa urukiko rubifitiye ububasha rubitegetse.

Where any notarized document evidences an unquestionable debt due for payment, the court registrar may append enforcement order thereto. Such a deed to which enforcement order is appended shall be issued only once. However, in case of loss or destruction, a new copy may be issued upon the order of the competent court.

Lorsque tout document notarié constate une dette certaine et liquide, le greffier peut le revêtir de la formule exécutoire. Cet acte revêtu de la formule exécutoire ne peut être délivré qu'une seule fois, mais en cas de perte ou de destruction, une nouvelle grosse peut être établie sur ordonnance d'une juridiction compétente.

Icyakora, mu gihe hari ikirego ko inyandiko y'umwimerere yaba ari impimbano, irangizwa ry'inyandiko ikekwa kuba mpimbano riba rihagaritswe n'urukiko rubifitiye ububasha.

However, in case of complaint for forgery of the original deed, the enforcement of the deed alleged to be forged shall be suspended by the competent court.

Toutefois, en cas d'inscription en faux contre le principal, l'exécution de l'acte argué de faux est suspendue par la juridiction compétente.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Icyiciro cya 2: Uburyo n'ibisabwa kugira ngo inyandiko mpamo ziriho umukono w' umunoteri zikorwe

Section 2: Modalities and requirements for drawing up authentic deeds

Section 2: Modalités et conditions d'établissement d'actes authentiques

Ingingo ya 30: Uburyo umunoteri ashyikirizwa inyandiko mpamo

Article 30: Modalities for submission of authentic deeds to the notary

Article 30: Modalités de présentation des actes authentiques au notaire

Inyandiko mpamo zishyikirizwa umunoteri nibura muri kopi ebyiri akazisuzumira hamwe. Imwe muri izo ikoresha nk'inyandiko y'umwimerere izindi zikaba nka kopi zayo.

Authentic deeds shall be submitted to the notary in at least two copies which shall be collated by the notary. One of the copies shall serve as the original and the others as copies.

Les actes authentiques sont présentés au notaire en double exemplaire au moins, lesquels exemplaires sont collationnés par le notaire. L'un des exemplaires est destiné à servir de minute, les autres d'expédition.

Ingingo ya 31: Imyandikire y'inyandiko mpamo

Article 31: Drafting of authentic deeds

Article 31: Rédaction des actes authentiques

Inyandiko mpamo zitangwa n'umunoteri zigomba kwandikwa ku buryo bwumvikana kandi busobanutse.

Authentic deeds issued by the notary must be drafted in a clear and precise manner.

Les actes authentiques émis par le notaire doivent être rédigés de manière claire et précise.

Amagambo, amatariki n'imibare birebana n'ibikubiye mu nyandiko bigomba kwandikwa mu nyuguti zose nibura inshuro imwe. Izo nyandiko ziba zikubiyemo amazina, ububasha bw'uwo bireba ndetse n'aho abarizwa.

Terms, dates and numbers related to the content of the document must be written out in full at least once. They shall contain the concerned party's name, surname, capacity and domicile.

Les termes, les dates et les nombres relatifs au contenu d'un acte doivent être écrits en toutes lettres au moins une fois. Ces actes contiennent les noms, prénom, qualité et domicile de la partie concernée.

Izina ry'umuntu rifite uko ryandikwa mu mpine, rigomba kwandikwa mu magambo yose nibura inshuro imwe kimwe n'aho abarizwa.

The name of a person having a corresponding abbreviation must be written out in full with indication of his/her address at least once.

Le nom d'une personne ayant une forme abrégée correspondante doit être écrit en toutes lettres avec indication de son adresse au moins une fois.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Ingingo ya 32: Ihindurwa ry'inyandiko ishyirwaho umukono n'umunoteri

Inyandiko irimo amagambo y'inyongera, ibisobanuro, ibyasibwe, ibyakosowe, ahantu hamenyeshya usoma ko ikintu runaka kigaragara ahandi mu nyandiko, amagambo yanditswemo ayandi ntishobora kwakirwa nk'inyandiko mpamo, keretse ishyizweho umukono n'umunoteri hamwe n'impande bireba zibyemeza kandi byanditswe ku buryo bugaragara neza.

Icyakora, inyandiko yose yandikishijwe ikaramu y'igiti ntishobora kwemerwa nk'inyandiko mpamo.

Ingingo ya 33: Inyandiko mpamo umunoteri abujijwe gukora

Umunoteri abujijwe kwakira no gutanga:

- 1° inyandiko ze bwite cyangwa izo afitemo inyungu itaziguye;
- 2° inyandiko z'uwo bashakanye, ababyeyi be cyangwa ababyeyi b'uwo bashakanye, abemeye kumubera umubyeyi bataramubyaye, abana be, abana abereye umubyeyi atarababyaye,

Article 32: Changes to the document to be notarized

A document containing additions, explanatory notes, stripes, corrections and references or overwriting shall not be considered authentic unless it is initialed and signed by the notary and the concerned parties and is legibly written.

However, any deed drawn up with a pencil shall not be authenticated.

Article 33: Authentic deeds prohibited for the notary

It is prohibited for a notary to receive and issue:

- 1° documents for himself/herself or those in which he/she has a direct interest;
- 2° documents for his/her spouse, parents or parents-in-law, adoptive parents, children, adopted children, siblings who have at least a parent in common with him/her;

Article 32: Altération de l'acte à authentifier

Un acte comportant des ajouts, des notes explicatives, des rayures, des corrections, des renvois ou des surcharges ne peut faire foi comme un acte authentique à moins d'être paraphé et signé par le notaire et les parties concernées et d'être écrit lisiblement.

Toutefois, tout acte établi au crayon ne peut être authentifié.

Article 33: Actes authentiques interdits au notaire

Il est interdit au notaire de recevoir et émettre:

- 1° les actes pour lui-même ou dans lesquels il aurait un intérêt direct;
- 2° les actes pour son conjoint, ses parents ou ses beaux-parents, ses parents adoptifs, ses enfants, ses enfants adoptifs, ses frères et sœurs avec lesquels il a au moins

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

abavandimwe bahuje nibura umubyeyi umwe;

un parent en commun ;

3° inyandiko zinyuranyije n'amategeko n'imigenzo myiza.

3° documents inconsistent with the law and good morals.

3° les actes contraires à la loi et aux bonnes mœurs.

Inyandiko z'umunoteri zitubahirije ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, mu agace ka 1° n'aka 2° zivanwaho naho mu gihe zitubahirije ibivugwa mu gace ka 3° k'icyo gika nta gaciro zigira.

Notarized document contrary to the provisions of paragraph One of this article, items 1° and 2° shall be annulled while those contrary to the provisions of item 3° of the same paragraph shall be void.

Les actes notariés contraires aux dispositions de l'alinéa premier du présent article, points 1° et 2°, sont annulés tandis qu'ils sont nuls d'office lorsqu'ils sont établis en violation des dispositions du point 3° du même alinéa.

Ingingo ya 34: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe inyandiko iriho umukono w'umunoteri

Article 34: Conditions for obtaining a notarized document

Article 34: Conditions d'obtention du document notarié

Inyandiko iriho umukono w'umunoteri itangwa iyo inyandiko zisabwa zatanzwe ndetse n'amafaranga asabwa yishyuwe.

A notarized document shall be issued once required documents are submitted and fixed fees paid.

Un document notarié est établi dès que les documents nécessaires sont déposés et les frais fixés payés.

Umuntu wese ushaka serivisi y'umunoteri arishyura. icyakora iyo ushaka serivisi z'umunoteri ari Leta y'u Rwanda cyangwa undi muntu utishoboye ubifitiye icyemezo, bazihabwa ku buntu.

Any person seeking services from a notary shall pay fees. However, when the person seeking services is the Government of Rwanda or a destitute person with a certificate of indigency, such services shall be delivered free of charge.

Toute personne qui recourt aux services du notaire paie des frais. Toutefois, si le requérant de ces services est le Gouvernement du Rwanda ou une personne indigente munie d'une attestation d'indigence, ces services lui sont délivrés gratuitement.

Iteka rya Perezida rigena ingano y'amafaranga yishyurwa kuri serivisi zitangwa n'umunoteri. Iryo teka rigena kandi urwego rwakira ayo

A Presidential Order shall determine fees to be paid for notarial services. The same Order shall also specify the entity to which

Un arrêté présidentiel fixe les frais d'actes notariés. Ce même arrêté détermine également l'entité qui en reçoit les frais.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

mafaranga.

such fees are paid.

Ingingo ya 35: Umutangabuhamya

Article 35: Witness

Article 35: Témoin

Bisabwe n'impande zagiranye amasezerano, umutangabuhamya ashobora kugira uruhare ku nyandiko itangwa n'umunoteri ayishyiraho umukono. Umuntu ugenewe iyo nyandiko ishyingirwaho umukono w'umunoteri ntashobora kuba umutangabuhamya.

Upon request by contracting parties, a witness may participate in a notarized deed by signing it. A person for whom a notarized deed is drawn up shall not be a witness thereto.

A la demande des parties contractantes, un témoin peut participer à un acte notarié en le signant. Une personne au profit de laquelle l'acte notarié est établi, ne peut pas être témoin.

Hagomba nibura abatangabuhamya babiri mu bihe bikurikira:

The presence of at least two (2) witnesses shall be mandatory in the following cases:

La présence de deux témoins au moins est obligatoire dans les cas suivants:

1° kwemeza ko irage ari mpamo cyangwa inyandiko yerekeranye n'ivanwaho ry'irage;

1° authentication of a will or a deed revoking a will;

1° l'authentification d'un testament ou d'un acte portant révocation d'un testament;

2° iyo impande zemereye imbere y'umunoteri ko uko inyandiko iteye ikubiyemo ugushaka kwabo;

2° when parties declare before the notary that the deed as drafted expresses their will;

2° lorsque les parties déclarent devant le notaire que l'acte, tel qu'il est établi renferme l'expression de leur volonté;

3° iyo rumwe mu mpande rudashobora cyangwa rutazi gushyiraho umukono cyangwa gutera igikumwe, kubera impamvu z'ubumuga.

3° where one of the parties cannot or is unable to sign or affix a fingerprint due to disability.

3° lorsque l'une des parties ne peut ou ne sait signer ou apposer son empreinte digitale en raison d'une incapacité.

Umutangabuhamya agomba kuba afite nibura imyaka y'ubukure.

The witness must have reached at least the age of majority.

Le témoin doit avoir atteint au moins l'âge de la majorité.

Uwashakanye n'umunoteri, umubyeyi we,

A notary's spouse, parent, child and sibling

Le conjoint, le parent, l'enfant et les frères

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

